**Baza** ibibazo byoroshye kubyerekeye ibikubiye mu nkuru.

- Ni uwuhe mukinnyi ukunda? Kubera iki ukunda uwo mukinnyi?
- Kuki uwo mukinnyi yabikoze kuriya? Wakora iki?
- Utekereza ariki kizakurikiraho? Kuki ubitekereza utyo?
- Utekereza ko umukinnyi atekereza ate muri iki gihe? Uyu niwo musozo w'inkuru? Ubyumva ute?
- Niki wahindura kugirango umusozo uze kuba utandukanye?
- Niki uzabwira inshuti yawe kuri iyi nkuru tumaze gusoma? Iyi nkuru yaba hari aho ihuriye n' ikintu cyose twasomye cyangwa twakoze mbere?

THE UNIVERSITY OF TENNESSEE KNOXVILLE
TENNESSEE READING RESEARCH CENTER

trrc.utk.edu

# SOMA KUGIRANGO UMENYE

**Intambwe zo gusomera umwana**

## Wawe komeza ukurikirane umenye byinshi !

**Bigire akamenyero**: Fatanya gusoma n'umwana wawe nibura imonota 20 buri munsi.

**Koresha amajwi** n'imvugo itandukanye mugihe usoma ibyo inyuguti zivuga. Kora igitabo kizima!

**Genda ugaragaza ibice bigize igitabo mu gihe uri gusoma.**

- "Iki ni igifuniko cy'igitabo. Igifuniko gishyirwaho izina w'igitabo, izina ry'umwanditsi, n'izina ry'uwashushanyije amafoto ari mu gitabo. Umutwe n'uwuhe? Nibyo! Umutwe niryo zina ry'igitabo. Umwanditsi n'iki? Nibyo! Ni umuntu uba waranditse amagambo mu gitabo. Ninde wagicapye? Nibyo! Ni umuntu uba warashushanyije amafoto mu gitabo."
- "Uru ni urupapuro rwa mbere. Nyereka igice ngomba kugusomera. Nibyo! Ndasoma amagambo ari ku rupapuro. "



- "Nyereka igice tureba kugirango twumve neza inkuru. Nibyo .Turareba amashusho kugira ngo adufashe kubona icyo ayo magambo asobanura."
- "Ni ikihe cyerekezo nakagombye gucamo mu gihe nsomye amagambo? Nasomye uhereye ibumoso ugana iburyo."

**Genda ushyira urutoki rwawe** ku magambo mugihe ubisoma.

**Baza ibibazo byoroshye** kubyerekeye amagambo, ibimenyetso, nibishusho ku rupapuro.

- Ushobora kubona inyuguti nkuru kuri uru rupapuro? Ushobora kubonaho umubare?
- Ushobora kubona akadomo kuri uru rupapuro? Kubyerekeye akabazo?
- Nyereka mu mafoto mu gice nasomye uwo cyangwa icyo aricyo. Ubimenye ute?
- Reke nsubiremwo aya magambo. Utekereza ko iri jambo risobanura iki? [Tanga ibisobanuro by'ijambo igihe biri ngombwa.]